Le document ci-après parle des résolutions du conseil des ministres du Rwanda tenu à Kigali le 18 février 2004. Le conseil des ministres était présidé par le président de la République, le Général Major Paul Kagame.

IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO

KUITARIKI YA 18 GASHYANTARE 2004

None ku wa gatatu tariki ya 18 Gashyantare 2004, Inama isanzwe y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika: Paul KAGAME.

Imaze kwemeza ibyari ku murongo w'ibyigwa, Inama y'Abaminisitiri yafashe ibyemezo bikurikira:

Inama y'Abaminisitiri yemeje imyanzuro y'ibyemezo by'inama y'Abaminisitiri yo ku itariki ya 11/02/2004, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Inama y'Abaminisitiri yasuzumye kandi yemeje politiki y'Igihugu y'Amashyamba.

Inama y'Abaminisitiri yasuzumye inyandiko yerekeranye n'imyanda ikomoka kuri plastiki mu Rwanda, yemeza ibi bikurikira :

a) Gutumiza mu mahanga cyangwa gukorera mu Rwanda amashashi ya plastiki, cyane cyane uduto tw'umukara birahagaritswe.

b) Inganda zikora plastiki zikwiye gushyiraho tekinoloji ya «recyclage» yazo

c) Abanyabukorikori n'abanyamyuga bagomba gushaka ubundi buryo bwose bwo guteza imbere ibipfunyikwamo bitabangamiye ubuzima, bitangiza ibidukikije kandi bidatera umwanda.

Inama y'Abaminisitiri yemeje iteka rya Minisitiri w'Intebe rihindura iteka rya Minisitiri w'Intebe n°26/03 ryo ku wa 7 Nyakanga 1999 rishyiraho abagize inama ishinzwe imicungire y'Ikigega cy'Imari yo Gusana imihanda n'umugereka waryo.

Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ikigo cy'Imari yo Gusana Imihanda (Fonds d'Entretien Routier) ni aba bakurikira :

- Abahagarariye inzego za Leta ;
- Uhagarariye Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ;
- Uhagarariye Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage ;
- Uhagarariye Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda, Ishoramari, Ubukerarugendo n'Amakoperative ;
- Uhagarariye Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali ;
- Komanda wa Polisi ushinzwe umutekano mu mihanda ;
- Abahagarariye amashyirahamwe y'abikorera ku giti cyabo ;

- Uhagarariye amashyirahamwe ya ba nyir'imodoka zitwara ibintu ;
- Uhagarariye amashyirahamwe ya ba nyir'imodoka zitwara abantu ;
- Uhagarariye urugaga rw'amashyirahamwe y'abikorera ku giti cyabo ;
- Uhagarariye urugaga rw'amashyirahamwe y'abatumiza mu mahanga ibikomoka kuri peteroli.

Inama y'Abaminisitiri yemeje iteka rya Minisitiri rishyiraho kandi rigena imiterere n'imikorere y'Ikigega cyo gucunga imari izakoreshwa mu kwibuka ku ncuro ya cumi jenoside yabereye mu Rwanda.

Imaze kugezwaho raporo y'uko ikibazo cy'inzara kimeze mu turere tumwe tw'Intara ya Kigali Ngali, iya Kibungo n'iy'Umutara, Inama y'Abaminisitiri yagennye inkunga yihutirwa yo kugoboka abugarijwe n'inzara mu gihe hagishakishwa ubundi buryo burambye bwo gukemura icyo kibazo.

Mu bindi.

a) Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko hari intumwa z'Igihugu cya Uganda zizaza mu nama ya gatanu ya Komisiyo ihuza ibihugu byombi i Kigali kuva ku itariki ya 19 kugeza ku ya 20/02/2004.

b) Minisitiri w'Uburezi, Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri iby'ubutumwa avuyemo mu Gihugu cy'Afurika y'Epfo ku byerekeye imyigishirize ya «distance learning/ enseignement à distance». Yanasuye abanyeshuri biga yo mu cyiciro cya gatatu cy'amashuri y'ubuganga.

c) Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, ushinzwe Igenamigambi, yibukije ko umunsi w'umusoreshwa uzizihirizwa ku rwego rw'Igihugu mu Mujyi wa Rwamagana mu Ntara ya Kibungo, ku itariki ya 06 Werurwe 2004, ukazabanzirizwa n'icyumweru kizabamo ibiganiro mu Ntara zose z'Igihugu kuva ku itariki ya 23 Gashyantare kugeza ku ya 4 Werurwe 2004.

Insangamatsiko muri uyu mwaka ni : «***Imisoro n'amahôro ni isoko ya Demokarasi n'Amajyambere arambye***».

d) Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi n'Umutungo Kamere, ushinzwe Amazi n'Umutungo Kamere, yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ibyerekeye ubutumwa avuyemo muri Libiya mu nama yahuje Abaminisitiri bashinzwe ubuhinzi n'amazi.

Kigali, ku wa 18/02/2004

Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru

Prof. NKUSI Laurent.